



ICYICIRO CYA 5

AGASHAMI: TWOSE

MODULE CODE: CCMKN 501

TEACHER'S GUIDE

Module name: IKINYARWANDA



**MODULE NAME: CCMKN 501 IKINYARWANDA
CY'INTYOZA**

IBIRIMO:

Imbumbe ya 1: Gukoresha ubuvanganzo nyandiko ashyikirana nabandi.

- 1.1.** Gukoresha neza ikinyarwanda cyintyoza, uwiga agaragaza ko yumva inkurushusho.
- 1.2.** Gusomano gusesengura neza inkurushusho yubahiriza uturango nisesekaza.
- 1.3.** Guhimba no kwandika neza inkurushusho akurikiranya neza ingingo.

Imbumbe ya 2: Gukoresha ikinyarwanda cyintyoza, uwiga agaragaza uburyo banyuranye bwo gukemura amakimbirane no gukoresha ibinyazina banyuranye.

- 2.1.** Gukoresha neza ikinyarwanda cyintyoza, uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukemura amakimbirane.
- 2.2.** Gusoma no gusesengura neza umwandiko atanga intego namategeko yigenamajwi mu nshinga.
- 2.3.** Gusubiza ibibazo ku mwandiko mu mvugo ikwiye.
- 2.4.** Gukoresha neza ibinyazina banyuranye ku buryo bukwiye.

Imbumbe ya 3: Gukangurira abandi akamaro kisuku nisukura.

- 3.1.** Gukoresha ikinyarwanda cyintyoza, uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku kamaro kisuku nisukura.
- 3.2.** Gusoma no gusesengura neza umwandiko yubahiriza utwatuzo nisesekaza.

3.3. Gusubiza neza ibibazo no kugaragaza isomo riri mu mwandiko mu mvugo iboneye.

Imbumbe ya 4: Gukoresha ikinyarwanda cyintyoza, uwiga agaragaza uburyo bwo gutunganya ubutaka nihimbamwandiko.

4.1. Gukoresha neza ikinyarwanda cyintyoza agaragaza ko yumva umwandiko ku mitunganyirize yubutaka.

4.2. Gusoma no gusesengura neza umwandiko yubahiriza utwatuzo nisesekaza.

4.3. Gusubiza ibibazo neza ku mwandiko mu mvugo iboneye.

4.4. Guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo.

Imbumbe ya 5: Gukoresha neza uburyo bunyuranye bwubwumvane mu gutegura no gukina ikinamico.

5.1. Gukoresha neza ikinyarwanda cy'intyoza, agaragaza ko yumva ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane.

5.2. Gusoma neza ikinamico yubahiriza uturango twayo.

5.3. Gusubiza ibibazo ku ikinamico mu mvugo iboneye.

5.4. Guhimba no gukina ikinamico ahuza imvugo ningiro.

IMPINE N'IBIMENYETSO BYAKORESHEJWE

Sz: umusozo

D: indomo

Rs: indangasano

Z: umuzi

C: igicumbi

RSH: indanganshinga

GR: Ingombajwi yindagi

KZN: Ikinyazina

J: Inyajwi

NT: Inteko

REB: Rwanda Education Board

MINEDUC: Ministry of Education

→: Bihinduka /bitanga/ bibyara

• : Iburizwamo

IRIBURIRO

Iyi mbumbanyigisho irasobanura ubumenyi nubushobozi bukenewe kugira ngo uwiga ashobore kumva, kuvuga, gusoma no kwandika Ikinyarwanda cyintyoza mu bikorwa bijyanye numwuga we; Gukoresha ubuvanganzo nyandiko mu gushyikirana nabandi abagezaho ibitekerezo bye kandi agaragaza uko yakira ibyabo; Kugaragaza imyumvire nimyifatire ikwiye agenda avoma mu myandiko, inkurushusho nikinamico binyuranye; Kugereranya ingeri zinyuranye zubuvanganzo nyarwanda; guhanga imyandiko mu rurimi rw'Ikinyarwanda afatiye ku ngeri zinyuranye zimyandiko no gukoresha neza ibinyazina bitandukanye.

CCMKN502 IKINYARWANDA CY'INTYOZA

IMBUMBE

Ingingo zubushobozi:

1. Gukoresha ubuvanganzo nyandiko ashyikirana nabandi.
2. Gukoresha ikinyarwanda cyintyoza, uwiga agaragaza uburyo bunyuranye bwo gukoresha ibinyazina binyuranye.
3. Gukangurira abanda akamaro kisuku nisukura.
4. Gukoresha ikinyarwanda cyintyoza, uwiga agaragaza uburyo bunyuranye bwo gutunganya ubutaka nihimbamwandiko.
5. Gukoresha neza uburyo bunyuranye bw ubwumvane mu gutegura no gukina ikinamico.

Imbumbe ya 1: Gukoresha ubuvanganzo nyandiko ashyikirana nabandi.



Ibipimo byubushobozi:

- 1.1. Gukoresha neza ikinyarwanda cyintyoza, uwiga agaragaza ko yumva inkurushusho.
- 1.2. Gusoma no gusesengura neza inkurushusho yubahiriza uturango nisesekaza.
- 1.3. Guhimba no kwandika neza inkurushusho akurikiranya neza ingingo.

Umusaruro winyigisho 1.1. Gukoresha neza ikinyarwanda cyintyoza, uwiga agaragaza ko yumva inkurushusho.



Igihe: Isaha 1



Intego zumusaruro winyigisho 1.1

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Kumenya icyo inkurushusho ari cyo.
2. Gutandukanya inkurushusho nizindi ngeri zubuvanganzo.
3. Kugaragaza akamaro kinkurushusho mu myigire nimyigishirize byikinyarwanda.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
- Inshoza yinkurushusho ✓ Ubwumvane mu matsinda	- Kwereka neza abanyeshuri amashusho ku nkurushusho	-Ibitabo byubuvanganzo -Ibinyamakuru bikoresha inkurushusho - Mudasobwa - Furashidisiki

uturango twinkurushusho ✓ Akazu Urukiramende ✓ Uruvugiro ✓ Igipande ✓ Amashusho aherekejwe namagambo ✓ Agatoki, ✓ Umukinankuru, ...	o Gusoma neza inkurushusho uwiga aranguruye o Gusanisha ingeso zivugwa mu nkurushusho nimyitwarire yabantu; o Gukoresha Ikinyarwanda cy'intyoza agaragaza insanganyamatsiko zingenzi; o Gusaba abanyeshuri gutahura neza isomo ryingenzi;	- Porojegiteri; - Ikibaho; - Murandasi; - Inkoranyamagambo;
---	---	--



Inkurushusho



1. Inshoza:

Inkurushusho ni ingeri yubuvanganzo bushushanyije yo mu rwego rwimyandiko mbarankuru itambutsa ubutumwa hakoreshejwe ibangikanywa ryimvugo namashusho.

Inkurushusho ifasha umusomyi kumva no gusobanukirwa vuba ubutumwa ahabwa mu nkuru kuko iba iri mu mashusho no mu magambo.

2. Ibiranga inkurushusho

- Inkurushusho iba igizwe namashusho namagambo biri ku mpapuro zikurikirana. Buri rupapuro ruba rugizwe nutuzu dutandukanye, turimo amashusho namagambo.
- Amagambo yo mu nkurushusho ashyirwa nayo mu tuzu dushobora guhabwa amashusho atandukanye: uruziga, mpandenye, urukiramende ... ariko buri gihe tukagira akagobe kagana kuri nyiri ukuyavuga.
- Inkurushusho ikoresha cyane inyiganamajwi, zigaragaza urusaku rutandukanye rutewe nabantu cyangwa ibintu.
- Guhuza amagambo nishusho ya nyiri ukuyavuga birakenewe cyane kugira ngo ishusho igaragaze imyitwarire nimiterere ya nyiri kuyavuga. Itondere imyandikirekuko mu nkurushusho amakosa agaragara cyane mu twandiko duto tuyigize. Inkurushusho igira amagambo make kuko ibindi bigaragarira mu mashusho yabakinnyi.



Umukoro:

Mu matsinda yabantu babiri, mutandukanye ubuvanganzonyemvugo nubuvanganzo nyandiko mwifashishije urugero rumwe kuri buri ngeri.



Umukoro ngiro:

Buri munyeshuri asabwe guhimba kandi akandika inkurushusho ku nsanganyamatsiko yikoranabuhanga.

 **Mfashe ko:** Inkurushusho ni ingeri yubuvanganzo bushushanyije yo mu rwego rwimyandiko mbarankuru itambutsa ubutumwa hakoreshejwe ibangikanywa ryimvugo namashusho. Inkurushusho iba igizwe namashusho namagambo, utuzu dushobora kugira ishusho yurukiramende, uruziga, mpandenye ... ariko buri gihe tukagira akagobe kagana kuri nyiri ukuyavuga.



Isuzuma mbonezanyigisho 1.1

1. Sobanura amagambo akurikira:
 - I. ubuvanganzo
 - ii. ubuvanganzo nyandiko
 - iii. inkurushusho
2. Vuga nibura uturango dutatu twinkurushusho.
3. Himba kandi wandike inkurushusho ku nsanganyamatsiko yubworoherane.

Umusaruro winyigisho 1.2. Gusoma no gusesengura neza inkurushusho yubahiriza uturango nisesekaza.



Igihe: Amasaha 2



Intego zumusaruro winyigisho 1.2:

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Kumenya gusoma no gusesengura neza inkurushusho yubahiriza uturango nisesekaza.
2. Guhuza amashusho namagambo yo mu nkurushusho yita kuri nyakuvuga na nyakubwirwa.
3. Gusubiza neza ibibazo byabajijwe ku nkurushusho.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
- Inshoza yihimbamwandiko: - Umutwe - Igihimba - umusozo - Kumurika umwandiko wahimbwe	- Gusaba abanyeshuri: Gusoma no gusesengura umwandiko; - Gukora inshamakeyumwandiko.	- Igitabo gikubiyemo imyandiko ku nsanganyamatsiko yo gutunganya ubutaka; -Ibitabo byikibonezamvugo; - Mudasobwa - Furashidisiki

	- Guhimba no kumurika neza umwe mu myandiko yahimbwe.	- Porojegiteri; - Ikibaho; - Murandasi; - Inkoranyamagambo;
--	---	--



Inkurushusho: Ihene mbi ntawe uyizirikaho iye

- Reba mu gitabo cyikinyarwanda cyintyoza, icyiciro cya gatanu cyamashuri yimyuga nubumenyingiro, igitabo cyumunyeshuri.



Umukoro:

Gerageza gusubiza ibibazo bikurikira ukoresheje amagambo yawe:

1. Ikiyobyabwege ni iki?
2. Tanga ingero 3 zibiyobyabwenge waba uzi cyangwa warumvise.



Mfashe ko: Inkurushusho yandikwa hifashishijwe amashusho ndetse namagambo ashobora kuba mu kazu, mu ruziga cg mu rukiramende hanyuma nyakuvuga akerekezwaho agatoki.



Isuzuma mbonezanyigisho 1.2.

Subiza ibibazo bikurikira ugendeye ku nkurushusho umaze gusoma:

1. Ni gute Sugira yageze aho banywera ibiyobyabwenge?
2. Ko yahagiye avuga ngo agiye kureba gusa, yaje kunywa ibiyobyabwenge gute?
3. Ko Rusabunga na Gatete bavuga ko kunywa ibiyobyabwenge bituma baruhuka, wowe wumva ari byo? Kubera iki?
4. Kunywa ibiyobyabwenge bigira izihe ngaruka? Uretse izavuzwe mu mwandiko hari izindi ngaruka zibiyobyabwenge wowe uzi? Ni izihe?
5. Ni izihe nama muganga yagiriye abanyeshuri bo ku kigo cyamashuri Sugira yigagaho?
6. Aho uba waba uhabona ibiyobyabwenge ndetse nabantu babinywa? Vuga ibyo biyobyabwenge ibyo ari byo unavuge uko ababinywa baba bameze.
7. Umaze kumenya ko ibiyobyabwenge ari bibi, wagira iyihe nama ababinywa?
8. Ni izihe ngamba ubona zafatwa nabantu batandukanye, barimo urubyiruko, ababyeyi, abarimu, abayobozi kugira ngo ibiyobyabwenge bicike?

Byakuwe mu gitabo cyikinyarwanda, icyiciro cya 5 cyamashuri yisumbuye yimyuga nubumenyingiro. Igitabo cyumunyeshuri.

Umusaruro winyigisho 1.3. Guhimba no kwandika neza inkurushusho akurikiranya neza ingingo.



Igihe: Amasaha 3



Intego zumusaruro winyigisho 1.3:

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Guhimba inkurushusho ku nsanganyamatsiko iyo ari yo yose.
2. Kwandika neza inkurushusho yubahiriza uturango nisesekaza.
3. Kumenya guhuza amashusho nibivugwa mu nkuruhusho.



Umukoro ngiro:

Wubahirije inyandiko ikwiye yururimi rwikinyarwanda, himba kandi wandike inkurushusho ku nsanganyamatsiko yo kwihangira umurimo mu muryango nyarwanda.



Mfashe ko: Inkurushusho yandikwa hubahirijwe amategeko yimyandikire yururimi rwikinyarwanda kandi hakubahirizwa ibice bigize umwandiko ari byo: umutwe, igihimba numusozo

Imbumbwe ya 2: Gukoresha ikinyarwanda cyintyoza, uwiga agaragaza uburyo bunyuranye bwo gukemura amakimbarane no gukoresha ibinyazina binyuranye.



Ibipimo byubushobozi:

- 2.1.** Gukoresha neza Ikinyarwanda cy'intyoza, uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukemura amakimbirane.
- 2.2.** Gusoma no gusesengura neza umwandiko atanga intego namategeko yigenamajwi mu nshinga.
- 2.3.** Gusubiza ibibazo ku mwandiko mu mvugo ikwiye.
- 2.4.** Gukoresha neza ibinyazina binyuranye ku buryo bukwiye.

Umusaruro winyigisho 2.1. Gukoresha neza Ikinyarwanda cy'intyoza, uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukemura amakimbirane.



Igihe: Isaha 1



Intego zumusaruro winyigisho 2.1

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Kumenya gusoma neza umwandiko yubahiriza utwatuzo nisesekaza.
2. Gusesengura neza umwandiko awuhuza ninsanganyamatsiko.
3. Kugaragaza uburyo bunyuranye bwo gukemura amakimbirane.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
Umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukemura amakimbirane; Ingero zifatika zigaragaza uburyo bwo gukemura amakimbirane mu muryango nka: Indangagaciro yubworoherane Gusasa inzobe Kuvugisha ukuri no kunenga ibitagenda	Gukoresaha neza ibikorwa biganisha ku kumva umwandiko. o Kubwira abanyeshuri kuvuga icyo amakimbirane aricyo. o Gusoma mu matsinda bashaka: o Kumurika mu ruhame ibyavuye mu matsinda. o Gusomesha abanyeshuri neza baranguruye agaragaza isesekaza.	- Ibitabo bikubiyemo imyandiko yerekeye gukemura amakimbirane; ibitabo byikibonezamvugo; - Mudasobwa - Furashi disiki - Porojegiteri ; - Ikibaho ; - Marikeri ; - Murandasi ; - Inkoranyamagambo.

	o Gukusanyiriza mu matsinda ibitekerezo no kumurika uburyo bwo gukemura amakimbirane.	
--	--	--



Soma uyu mwandiko hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho

Ubwo Rugwe yari akiri umwana utarashinga intekerezo zo kuba yakwima ingoma se yamuraze, yatwarirwaga na Cyenge cya Mukobwa wa Ndobwa ya Samembe. Ibyo byamaze igihe ku buryo har inabibwiraga ko ahari Cyenge ari we mwami wa rubanda. Ariko Cyenge yazirikanaga isezerano yagiriye Ruganzu I. Bityo, uko bwacyaga bukira ni ko yagendaga yitegereza imikurire yigikomangoma cyari cyarazingamye bikamutera impagarara mu mutima.

Nyuma rero yuko Abagoyi bavuriye Rugwe bakamukuramo inzoka yari yararozwe ikamuzinga, Cyenge yatangiye kumutoza ari nako bamwondora. Umwana amaze kwondoka Cyenge akamujyana ku karubanda nkigihe imanza zisobetse maze akamusaba gucira abantu imanza ngo arebe ko azashobora gucira rubanda imanza. Rimwe rero haza abahigi babiri ba buranaga impongo yarashwe. Umwe ati “ni jye wayirashe mbere” undi ati “rwose ni jye wayibanje”. Maze Cyenge asaba Rugwe gucira abo bantu imanza. Rugwe niko kubaza uwa mbere ati “Ese harya ngo ni wowe wabanje kurasa

iriya nyamaswa?” Undi ati “yeee. Ni jye rwose” . Ni uko igikomangoma kiti “zana abagabo bakubonye uyirasa bavuge nibyivumbura” Umuhigi ati “Reka nari jyeneyine” . Igikomangoma niko kubaza uwari usigaye nkibyo cyabajije uwa mbere. Undi aheraho azana abo yayirashe barora. Maze Rugwe abwira uwari uzanye abagabo ati “inyamaswa ni iyawe wowe ufite abahamya ariko uko byumvikana uriya yayigusongeye. Bityo urayijyana ariko nawe umuhe ikiramuro” .

Maze ababuranyi bombi banyurwa nimyanzuro bagenda bishimye. Uhereye ubwo uburyo bwo gushora abantu mu icibwa ryurubanza rikurwa no kuja hazanwa abatangabuhamya bitwa ABAGABO. Cyenge na we mu kubona ko umwana yakuze byo kuba yakwima ingoma aheraho akurikira inzira zubwiru, umwami yima ingoma ya se yitwa Cyirima I kandi araga umuryango wabakobwa kuba abiru babimikangoma.



Umukoro:

Musome uyu mwandiko mwitonze hanyuma mugerageze gushakamo ingingo zingenzi.



Isuzuma mbonezanyigisho 2.1

- 1. Wifashishije amagambo yawe, garagaza uburyo butatu wakoresha ukemura amakimbirane.**

Umusaruro winyigisho 2.2. Gusoma no gusesengura neza umwandiko atanga intego namategeko yigenamajwi mu nshinga.



Igihe: Amasaha 2



Intego zumusaruro winyigisho 2.2

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Gusoma neza umwandiko atandukanya inshinga nandi magambo yikinyarwanda.
2. Kugaragaza intego zinshinga zitandukanye.
3. Gusesengura inshinga agaragaza amategeko yigenamajwi yazo.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
Itondaguranshinga: Indomo Inshoza yinshinga	Kubwira abanyeshuri kwerekana inshinga zakoreshejwe o Gusaba abanyeshuri gutanga intego zinshinga	- Ibitabo bikubiyemo imyandiko -ibitabo byikibonezamvugo; - Mudasobwa

Uturemajambo tw inshinga itondaguye Indomo (D) Indangasano (RS) Igicumbi (C) Umusozo (SZ) Amategeko yigenamajwi	o Gushaka uturemajambo namategeko yigenamajwi yinshinga	- Furashi disiki - Porojegiteri ; - Ikibaho ; - Marikeri ; - Murandasi ; - Inkoranyamagambo.
---	---	---

ITONDAGURANSHINGA

❖ Inshinga

Inshoza:

Inshinga ni ijambo riranga igikorwa, imimerere cyangwa imiterere bya ruhamwa mu nteruro.

Ingero:

-Gukina (igikorwa)

-Kuba (Imimerere cyangwa imiterere)

-Iharanira (igikorwa)

- ❖ Inshinga zisanze zirimo amoko abiri: **Inshinga zidatondaguye**
ninshinga zitondaguye.

a) Inshinga zidatondaguye (inshinga ziri mu mbundo)

Inshinga zidatondaguye cyangwa inshinga ziri mu mbundo ni uburyo bwinshinga butagaragaza uwakoze cyangwa uwitirirwa igikorwa.

Ingero: Gukina, kunanura, kuvogerwa, gukora, kuruhuka, kwiga...

 Uturango twinshinga iri mu mbundo

Inshinga iri mu mbundo igaragaza igikorwa, imimerere, imiterere bitagira uwo byitirirwa. Ni ukuvuga ko ukora igikorwa atagaragara.

Ingero:

- Mu nshinga **gukina** ukina ntabwo azwi, ukora igikorwa ntabwo azwi.
- Mu nshinga **kwiga** ukora igikorwa cyo kwiga ntabwo agaragara.
- Inshinga iri mu mbundo iteka itangizwa na “**ku**” yindanganshinga cyangwa “**gu**” . Iyo urebye ku rutonde rwinteko zamagambo “ku” iranga inteko ya 15. Ni ukuvuga ko imbundo ihora iteka mu nteko ya 15. Indanganshinga “Ku” niyo itangira imbundo buri gihe.

b) Inshinga itondaguye

Inshinga itondaguye ihinduranya ngenga, ikaba yemeza cyangwa ihakana, ikumvikanisha niba igikorwa cyarangiye cyangwa gikomeza, ikajya mu bihe byinshinga bitandukanye, igahinduranya uburyo nibindi. Muri icyo gihe, ukora cyangwa uwo igikorwa kitirirwa ashobora kugaragara cyangwa hakagaragara ubwinshi bwabo.

Ingero:

- **Ndi** umufana wikirangirire.
- Umuyobozi **yakinaga** mu ikipe yigihugu.
- Ikipe yacu **ntigera** mu mikino yo ku rwego rwigihugu.

➤ Uturemajambo twinshinga iri mu mbundo

 Inshoza y'uturemajambo

Uturemajambo tw'ijambo ni intego y'iryo jambo. Kugaragaza uturemajambo twijambo ni ukugaragaza intego yaryo. Inshinga iri mu mbundo igira uturemajambo twingenzi dutatu. Utwo turemajambo ni **indanganshinga (ku)**, **umuzi numusozo**. Ni ukuvuga ko intego mbonera yinshinga iri mu mbundo iteye itya mu mpine: **RSH-Zi-Sz**

Intego y'imbundo gukina iteye itya:

Gukina: **ku-kin-a**

ku: Ni indanganshinga (**RSH**)

kin: Ni umuzi (**ZI**)

a: Ni umusozo (**Soz**)

✓ Indanganshinga

Indanganshinga ni akaremajambo (Ku) karanga inshinga iri mu mbundo. Ninako karemajambo kagaragaza inteko yimbundo. Ku nshinga zose ziri mu mbundo, indanganshinga niyo ibimburira utundi turemajambo.

Ingero:

Gukina: ku-kin-a

Gutsinda:ku-tsind-a

Kuririmba:ku-ririmb-a

Gupfuka:ku-pfuk-a

✓ umuzi

Inshoza y'umuzi winshinga ni igice kidahinduka kinshinga, inshinga ihuriraho nandi magambo yose afitanye isano niyo nshinga.

Uko bashaka umuzi winshinga

Uburyo bwihuse bwo gutahura igicumbi cyangwa umuzi winshinga ziri mu mbundo, zifite imigemo ibiri irimo ubutinde cyangwa imigemo itatu ndetse nizifite imigemo irenze itatu, ni ugushyira izo nshinga mu ntegeko, muri ngenga ya kabiri yubumwe maze hagakurwaho umusozo “a” .

Kwiga _____> _____> iga -ig-

Gushima _____> _____> shima -shim-

Iyo inshinga ari ngufi, ni ukuvuga igizwe nimigemo ibiri ibangutse, itarimo ubutinde. icyo gihe ubona igicumbi cyangwa umuzi ari uko iyo nshinga ishyizwe mu mpitakare muri ngenga ya gatatu yubumwe maze hagakurwaho umugemo wa mbere numugemo wa gatatu, ariyo “ya” na “ye” umugemo usigaye hagati akaba ariwo gicumbi cyinshinga.

Ingero:

Gupfa _____> _____> yapfuye -pfu-

Gusya _____> _____> yaseye -se-

Icyitonderwa: Imbundo ishobora kugira nutundi turemajambo, twiyongera mu ntego mbonera. Utwo turemajambo ni nkakaremajambo karanga igihe kinzagihe, gashobora kwihagika hagati yindanganshinga nigicumbi. Ako karemajambo kitwa **igenantego** cyangwa **indangagihe**.

Urugero: Kuzakina	intego: Ku— za —kin—a
Kuzarya	Ku— za —ri—a
Kuzumva	Ku— za —umv— a

Imbundo kandi ishobora kwiyongeramo uturemajambo tw ingereka ziza hagati yigicumbi numusozo.

- Ingereka zibanze

Ingereka zishobora kwihagika inyuma yigicumbi cyinshinga yibanze, bityo tukagira inshinga zikomoka kuzindi bitewe nizo ngereka ziza inyuma yigicumbi. Muri izo ngereka harimo ingereka ngirana–**an**, ingereka ngirisha–**ish**/–**sh**, ingereka ngirira –**ir**, ingereka ngirwa–**w**, ingereka ngiza –**y** ingereka ngirika–**ik** ingereka ngiruka –**uk**, ingereka ngirura–**ur**, …

Utwo turemajambo twifashishwa mu iremwa ryinshinga nshya.

Ingero:

Inshinga	Ingereka	Inshinganshya
Gukina	-ish-	Gukinisha
	-an-	Gukinana
	-ik-	Gukinika

	-ir-	Gukinira
	-w-	Gukinwa
Gutsinda	-w-	Gutsindwa
	-ik-	Gutsindika
	-an-	Gutsindana
	-ir-	Gutsindira
	-ish-	Gutsindisha

Izindi ngero zimbundo nuturemajambo twazo:

<u>Gu</u> hinga	ku-hing -a
<u>Ku</u> zahinga	ku- za -hing -a
<u>Gu</u> hingira	ku-hing - ir -a
<u>Gu</u> hingana	ku-hing - an -a
<u>Ku</u> hingika	ku-hing - ik -a
<u>Kw</u> iga	ku-ig -a
<u>Kw</u> igisha	ku-ig - ish -a
<u>Kw</u> igana	ku-ig - an -a
<u>Kw</u> igira	ku-ig - ir -a

Iyo utwo turemajambo twiyongera ku ntego mbonera tutabonetse mu mbundo, ntidusimbuzwa ikimenyetso “ ϕ ” kuko atari uturemajambo tugize intego mbonera.

- Umusozo

Umusozo winshinga iri mu mbundo ni “a” .

Ingero:Gukora:ku-kor-a

Gutwarana:ku-twar-an-a

Gukoma:ku-kom-a



❖ Amategeko yigenamajwi akoreshwa mu nshinga

🌈 Inshoza yamategeko yigenamajwi

Amategeko yigenamajwi akoreshwa mu mbundo amwe ni asanzwe akoreshwa mu yandi magambo nkizina na ntera. Mu isesengura ryimbundo, hagaragara amategeko ahuza indanganshinga nimizi cyangwa agahuza imizi ningereka. Amategeko yandikwa mu mpine

Kwiga:ku-ig-a $u \rightarrow w/-J$

Koroha: ku-oroh-a $u \rightarrow \phi/-J$

Gukinisha:ku-kin-ish-a $k \rightarrow g/-GR$

Gusetsa:ku-sek-y-a $k \rightarrow g/-GR,$

$k+y \rightarrow$

Komeka: ku-om-ik-a $u \rightarrow \emptyset/-j,$

$i \rightarrow e/Co-$

Kumpa:ku-n-ha-a $n \rightarrow m/-h$ $mh \rightarrow mp$ mu nyandiko

Kundora:ku-n-ror-a $r \rightarrow d/n-$

Kumbwira:ku-n-bwir-a $n \rightarrow m/-b$

Amategeko yigenamajwi agaragaza impinduka zishobora kuba ku ijambo mu gihe cyisesengura ryuturemajambo. Rimwe na rimwe amajwi amwe namwe arahinduka.

🌈 Uko amwe mu mategeko yigenamajwi yandikwa mu mpine nuko asomwa

$k \rightarrow g/-GR$: “k” ihinduka “g” iyo iri imbere yingombajwi yindagi

$u \rightarrow w/-J$: “u” ihinduka “w” iyo iri imbere yinyajwi

i→y/-J: “i” ihinduka “y” iyo iri imbere yinyajwi

u→φ/-J: “u” iburizwamo iyo iri imbere yinyajwi.

i→e/Ce-: “i” ihinduka “e” iyo ikurikiye igicumbi kirimo
“e”

r→d/n-: “r” ihinduka “d” iyo iri inyuma ya “n”



Umukoro:

**Mu matsinda yabantu babiri, muvuge mu ncamake
icyo inshinga ari cyo munagaragaze uturemajambo twayo
mwifashishije ingero enye.**



Umukoro:

**Garagaza intego namategeko yigenamajwi
byinshinga zikurikira:**

- i) Guhina
- ii) Kurira
- iii) Gukata
- iv) Kwegeka
- v) Kwemeza



Mfashe ko: Inshinga ni ijambo riranga igikorwa, imimerere cyangwa imiterere bya ruhamwa mu nteruro. Mu nshinga habamo inshinga ziri mu mbundo ninshinga zitondaguye. Inshinga igira uturemajambo dutatu ari two: indanganshinga (RSH), umuzi (ZI) numusozo (SZ).



Isuzuma mbonezanyigisho 2.2.

Mu magambo yawe, subiza ibibazo bikurikira:

1. Inshinga ni iki:
2. Inshinga igira uturemajambo tungahe? Ni utuhe?
3. Tanga ingero eshanu zinshinga uzishakire intego namategeko yigenamajwi.

Umusaruro winyigisho 2.3. Gusubiza ibibazo ku mwandiko mu mvugo ikwiye.



Igihe: Isaha 1



Intego zumusaruro w inyigisho 2.3:

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Gusoma no gusesengura neza umwandiko
2. Gusubiza neza ibibazo ibibazo byo kumva umwandiko
3. Gusangiza abanda isomo akuye mu mwandiko mu mvugo ikwiye.



Ibyifashishwa

Ibyigwa

Imbonezamasomo

Imfashanyigisho

Ibibazo kumwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukemura amakimbirane; Ingingo zumuco: ✓ Ubupfura ✓ ubunyangamugayo ✓ Ingingo zamateka (gusasa inzobe, Gacaca,..); Indangagaciro yubworoherane;	o Gukora amatsinda asubiza ibibazo byabajijwe k umwandiko ujyanye no gukemura amakimbirane. o Gusoma bucece o Gusoma mu matsinda bashaka: o Ibisobanuro byamagambo akomeye. o Kumurika mu ruhame ibintu by ingezi byahosha amakimbirane byavuye mu matsinda.	- Ibitabo bikubiyemo imyandiko yerekeye gukemura amakimbirane; ibitabo byikibonezamvugo; - Mudasobwa - Furashi disiki - porojegiteri; - Ikibaho; - Marikeri; - Murandasi; - Inkoranyamagambo.
--	---	--



Subiza ibibazo bikurikira ugendeye ku mwandiko watanze haruguru:

1. Ninde watwaye atari umwami nyawe?
2. Uwari urindiwe ingoma ni nde?

3. Ku karubandahaberaiki?
4. Ni bantu ki baje kuburanira imbere yigikomangoma?
5. Ababuranye bari bakimbiraniye iki?
6. Uburyo bwo gukemura amakimbirane bwabanjirijwe itangwa ryabagabo ni ubuhe?
7. Sobanura ijambo « Gusonga » riri mu mwandiko.
8. Ni ubuhe buryo igikomangoma cyakoresheje ngo kidateranya abakimbiranaga?
9. Ni iki Cyenge yakoze amaze kubona uko igikomangoma cyitwaye?
10. Igikomangoma kimaze kwima cyimanye irihe zina ryubwami?



Umukoro:

Mu gika kitarengeje imirongo tanu, erekana uburyo bubiri ushobora gukemuramo amakimbirane ahantu habonetse ukutumvikana mu bantu runaka.



Mfashe ko: Kugira ngo umuntu abashe gukemura amakimbirane agomba: gusasa inzobe, kuvugisha ukuri, kutabogama, kuja inama zubaka ku mpande zombi, ...

Umusaruro winyigisho 2.4. Gukoresha neza ibinyazina binyuranye ku buryo bukwiye.



Igihe: Amasaha 2



Intego zumusaruro winyigisho 2.4:

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Gutandukanya ibinyazina nandi moko yamagambo mu Kinyarwanda.
2. Kumenya amoko yibinyazina atandukanye ningeri zayo.
3. Gukoresha ibinyazina mu buryo bukiye.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
Inshoza y ibinyazina Intego yibinyazina - Indangasano(R S) - Igicumbi (c) ✓ Ikinyazina nyereka ✓ Ikinyazina mbanziriza ✓ Ikinyazina ndafutura ✓ Ikinyazina kibaza ✓ Ikinyazina nyamubaro ✓ Ikinyazina ngenga	o Gusomesha abanyeshuri no gusesengura neza umwandiko o Kubasaba gutanga neza inshoza nintego yibinyazina o Kurebera hamwe mu matsinda ibinyazina biri mu mwandiko o Kumurika neza ibyavuye mu matsinda	- Ibitabo bikubiyemo imyandiko yerekeye gukemura amakimbirane; ibitabo byikibonezamvugo; - Mudasobwa - Furashi disiki - porojegiteri; - Ikibaho; - Marikeri; - Murandasi; - Inkoranyamagambo.

✓ Ikinyazina ngenera- ngenga		
---------------------------------	--	--



IBINYAZINA NAMOKO YABYO



- Inshoza yibinyazina

Ikinyazina ni ijamba risobanura izina. Ikinyazina gishobora gusimbura izina cyangwa kikariherekeza. Kigirwa nindanganteko nigicumbi bishobora kubanzirizwa nindomo.

Ingero:

- **Wa mwana *we*?** (Ikinyazina mpamagazi)
- **Uyu/uno** mwana ni uwange. (Ikinyazina nyereka)
- Umwana **wanjye** ni umunyabwenge. (Ikinyazina ngenera)

- Amoko yibinyazina nimikoreshereze yabyo

Ibinyazina birimo amoko atandukanye hakurikijwe imiterere nimikoreshereze yabyo. Muri ayo moko dusangamo:

- Ikinyazina nyereka

- Ikinyazina mbanziriza
- Ikinyazina mpamagazi
- Ikinyazina ngenera
- Ikinyazina ngenga
- Ikinyazina cyinyunge(Ngenera-ngenga)
- Ikinyazina nyamubaro
- Ikinyazina ndafutura
- Ikinyazina mbaza (mbazamubare)
- Ikinyazina mboneranteko (ndanganteko)

1. Ikinyazina nyereka

Ikinyazina nyereka ni ijambo ryerekana cyangwa ryibutsa irindi jambo. Ikinyazina nyereka gishobora kuba kitagira igicumbi, bikagaragazwa nikimenyetso Ø, gishobora kuba gifite igicumbi -**no, o, riya, rya** cyangwa **a**.

Ingero:

- **Buno** buro bureze.
- **Iriya** mirima yicyayi irashimishije.
- **Urya** mugabo yagize neza.

2. Ikinyazina mbanziriza

Iki kinyazina gisimbura ijambo ribanziriza inshinga, ntigishobora na rimwe kujyana nizina gisimbura kirangwa kandi nisaku nyejuru.

Ingero:

- **Icyo** ashaka ni ukujya gusura Nyakwezi (**Ikintu** ashaka ni ukujya gusura Nyakwezi)
- **Uwo** nashakaga araje. (**Umntu** nashakaga araje)
- **Izo** twaruye zirahiye (**imboga** twaruye zirahiye)

Icyitonderwa: Mu myandikire isanzwe ikinyazina nyereka gifite igicumbi -O, gisa nikinyazina mbanziriza. Itandukaniro rigaragarira mu mvugo no mu myandikire (inyandiko ya gihanga). Igicumbi cyikinyazina mbanziriza kigira isaku nyajuru naho igicumbi cyikinyazina nyereka kigira isaku nyesi. Irindi tandukaniro ni uko ikinyazina nyereka akenshi kibanziriza izina naho ikinyazina mbanziriza kibanziriza inshinga itondaguye.

Urugero:

- Uwo mwana nashakaga araje (ikinyazina nyereka).
- Uwô nashakaga araje (ikinyazina mbanziriza).

3. Ikinyazina mpamagazi

Ikinyazina mpamagazi gituma igihamagarwa cyumva ko bashakaga ko kiza cyangwa gitega amatwi bakakibwira. Ikinyazina mpamagazi kibanziriza izina ryigihamagawe kitaritesha indomo iyo riyifite. Iryo jambo iteka rikurikirwa nikinyazina ngenga gifite igicumbi -e.

Ingero:

- Wa mwana **we**, ujye kwiga hakiri kare (ng.bu1)
- Mwa bita **mwe**, nzababazamo imivure (ng.2.bw)

4. Ikinyazina ngenera

Iki ni ikinyazina gihuza amazina abiri agaragaza isano kandi yuzuzanya cyangwa izina ninshinga ari mu mbundo byuzuzanya. Gihuza kandi izina nindangahantu cyangwa izina nikinyazina nyamubaro. Iki kinyazina kandi kigaragaza nyiri ikintu cyangwa icyo ikintu cyagenewe. Ikinyazina ngenera kigira ibicumbi bibiri: -o nigicumbi -a.

Ingero:

- Igikenyeri **cya** nyiragikori
- Ibiro **bya** Gasutamo
- Ifu **yi** Gitarama

5. Ikinyazina ngenga

Ikinyazina ngenga ni ijambo rihagarariye uvuga, abavugwa nikivugwa, rihagarariye kandi ubwirwa, ababwirwa, ahavugwa.

Ingero:

- **Njyewe** natsinze imibare, **wowe** watsinze icyongereza.
- **We** azi kuririmba.
- **Twese** dukina neza umupira.

Ikinyazina ngenga cyerekana nyirigikorwa mu nteruro.

- Ngenga ya 1 yubumwe haba uvuga: **jye** (njye) ikagira impindurantego **(n)jyewe**
- Ngenga ya 2 yubumwe haba ubwirwa: **wowe**
- Ngenga ya 3 yubumwe haba uvugwa: **we**
- Ngenga ya 1 yubwinshi haba abavuga: **twe**
- Ngenga ya 2 yubwinshi haba ababwirwa: **mwe**
- Ngenga ya 3 yubwinshi haba abavugwa: **bo**

Ikinyazina ngenga gishobora komekwaho imisuma **se,mbi, nyine, bwe**.

Ingero:

Umunyeshuri **wese** arangwa nisuku.

- Ba bana **bombi** baratsinze.
- **Twebwe** tuzaba abambere.
- Uriya akunda kwiga **wenyine**.

Ikinyazina ngenga cyisanisha namazina yo mu nteko zose. Gishobora no gusimbura izina.

Ingero:

- Aba bana **bose** bazatsinda.
- **Bose** bazatsinda



6. Ikinyazina cyinyunge (ngenera-ngenga)

Ikinyazina cyinyunge kigizwe nikinyazina ngenera cyongeweho ikinyazina ngenga.

Urugero:

Umwana **wange/wanjye** uba hano yambwiye ko akorana na mukuru **wawe**, ngo mu kazi **kabo** akorana nabana **banyu** babiri kandi ngo umukoresha **wabo** arabakunda cyane.

- Wanjye = wa+njye
- ryabo = rya+bo
- Banyu = ba+nyu
- Wawe = wa+we
- Wabo = wa+bo

Iki kinyazina cyerekana ufite ikintu nicyo afite. Iki kinyazina gikurikira izina ariko gishobora no gusimbura izina.

Ingero:

- Igitabo **cyanjye** ngifata neza = **icyanjye** ngifata neza
- Ikigo **cyacu** ni intangarugero mu burezi = **icyacu** ni intangarugero mu burezi

7. Ikinyazina nyamubaro

Ikinyazina nyamubaro ni ikinyazina bakoresha bagaragaza umubare wibintu cyangwa abantu. Ikinyazina nyamubaro ni ukuva **kuri rimwe kugera kuri karindwi**.

Ingero:

- Ukwezi kwa **mbere**.
- Umwaka wa **gatanu**.
- Aboneka kuva kuwa **kabiri** kugera kuwa **kane**.
- Iwaboni abana **barindwi**.

Guhera ku munani ugakomeza byitwa izina nyamubaro kuko biba bifite uturango twizina mbonera ari two: indomo, indanganteko nigicumbi.

Ingero:

- Muhire yoroye inka **umunani**. (u-mu/- nani)
- Yampaye amafaranga **ijana**. (i-Ø/-jana)

8. Ikinyazina ndafutura

Ikinyazina ndafutura ni ijambo riyana nizina ntirisobanure ku buryo bwumvikana uvugwa, abavugwa cyangwa ibivugwa. Kirangwa kandi nigicumbi/**-ndi**.

Ingero:

- **Abandi** bafite uturima twigikoni.
- **Ikindi** gusabwa ni ubwisungane mu kwivuza.
- **Undi** mwana yatashye kare.

- **Amoko yibinyazina ndafutura**

Ibinyazina ndafuturabirimo amoko abiri ari yo: ikinyazina **ndafutura kigufi** nikinyazina **ndafutura kirekire**.

Ingero:

-Zana **andi** mazi (KZN ndafutura kigufi)

-Zana **ayandi** mazi (KZN ndafutura kirekire)

Intego yikinyazina ndafutura kigufi ni RS+C (Indangasano nigicumbi) naho iyikinyazina

Ndafutura kirekire ni D+RS+C (Indomo, indangasano nigicumbi).

9. Ikinyazina mbaza (mbazamubare)

a. Ikinyazina mbaza

Ikinyazina mbaza gisobanura ibivugwa ibyho ari byo. Ni ijamba riyana nizina rikaribazaho.

Ingero:

- **Uwuhe** mwana?
- Inka **zihe**?
- Ni **uruhe** rukwavu rurwaye?

b. Ikinyazina mbazamubare

Ikinyazina mbazamubare gifite igicumbi **-ngahe** kibaza ibisobanuro bishingiye ku mibare yabantu cyangwa yibintu. Ni ukuvuga ko **ngahe** ikoreshwa mu bwinshi gusa, ariko hari na **kangahe** yo mu nteko ya 12.

Ingero:

- Ufite amafaranga **angahe**?
- Iwanyu muri abana **bangahe**?
- Ufite imirima **ingahe**?

Icyitonderwa: Amagambo **he**, **nde** namagambo afite igicumbi **ki**, ntabwo ariibinyazina mbaza ahubwo ni amagambo abaza.

Ingero:

- Uri **he**?
- Ni **nde**?
- Ni **ibiki**?

10. Ikinyazina mboneranteko/ndanganteko

Ikinyazina ndanganteko cyangwa mboneranteko gikoreshwa imbere yamazina bwite adafite indomo cyangwa amazina rusange adafite indomo nindanganteko, akerekana inteko izina rishyizwemo. Ikinyazina mboneranteko gikora mu nteko ya 2, 7,8, 10, 11, 12, 13, 14.

Ingero:

- **Ba** Mukamana baraje (nt2)
- **Ba** data barabangutse (nt2)
- **Ka** Mugabo katashye (nt12)
- **Za** karavati ntizifunze (nt10)

Iyo ikinyazina mboneranteko gifatanye nindanganteko zo mu nteko ya 7,8 na 11 gitubura amazina.

Ingero:

- **Cya** Kagabo (nt7)
- **Bya** Bugingo (nt8)
- **Rwa** Mazimpaka (11)

Naho mu nteko za 12, 13 na 14 gitubya amazina.

Ingero:

- **Ka** Kamana (nt12)
- **Twa** Muvara (nt13)
- **Bwa** Silasi (nt14)

Ikinyazina mboneranteko mu nteko ya10 kijyanye namazina yo mu ya 6, kigaragaza ingingo igaya.

Ingero:

- **Za** makobwa
- **Za** magore
- **Za** magabo



Umukoro: Mu matsinda agizwe nabantu babiri, musobanure icyo ikinyazina ari cyo munatandukanye amako atanu yibinyazina mwifashishije ingero zifatika.



Mfashe ko: Ikinyazina ni ijamba risobanura izina. Ikinyazina gishobora gusimbura izina cyangwa kikariherekeza. Kigirwa nindanganteko nigicumbi bishobora kubanzirizwa nindomo.

Isuzuma mbonezanyigisho 2.4.



Subiza ibibazo bikurikira mu mvugo ikwiye:

1. Ikinyazina ni iki?
2. Intego yikinyazina ni iyihe?
3. Tanga amoko atatu yibinyazina ningero eshatu zibinyazina kuri buri bwoko ubikoreshe mu nteruro.

Byakuwe mu gitabo cyumunyeshuri, umwaka wa gatandatu wamashuri yisumbuye.

Imbumbe ya 3. Gukangurira abanda akamaro kisuku nisukura.



Ibipimo byubushobozi:

3.1. Gukoresha ikinyarwanda cyintyoza, uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku kamaro kisuku nisukura.

3.2. Gusoma no gusesengura neza umwandiko yubahiriza utwatumye nisesekaza.

3.3. Gusubiza neza ibibazo no kugaragaza isomo riri mu mwandiko mu mvugo iboneye.

Umusaruro winyigisho 3.1. Gukoresha ikinyarwanda cyintyoza, uwiga agaragaza ko yumva umwandiko ku kamaro kisuku nisukura.



Igihe: Isaha 1



Intego zumusaruro winyigisho 3.1:

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Kumva no gusobanukirwa neza insanganyamatsiko yumwandiko.
2. Gusoma umwandiko yibanda ku bice biwugize.
3. Kuvuga mu ncamake icyo umwandiko wavugagaho.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
Umwandiko ku nsanganyamatsiko ku isuku nisukura Inshoza yisuku nisukura ✓ Inshoza yisuku nisukura ✓ Insanganyamatsi ko yumwandiko; Indangagaciro zo kubaha ubuzima; ✓ Kutiyandarika ingero zifatika zihamya akamaro kisuku nisukura; ✓ Kugira ubuzima buzira umuze	Gutega amatwi neza umwandiko ku isuku nisukura. o Kuvumbura neza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko. o Gukoresha neza Ikinyarwanda k'intyoza agaragaza indangagaciro yo kubaha ubuzima (Kubaha uburenganzira bwa muntu, kwirinda ihohotera iryo ari ryo ryose, kwiyitaho). o Gusoma neza mu matsinda bashaka: o Ibisobanuro byamagambo akomeye;	Ibitabo bikubiyemo imyandiko yerekeye isuku nisukura; - Ibitabo byikibonezamvugo ; - Ikibaho ; - Furashi disiki - Murandasi ; - Inkoranyamagambo ; - Amafoto ku bikorwa byisuku nisukura.

--	--	--



Umwandiko: Isuku ni isoko yubuzima

Mu rwego rwo kwiteza imbere tunateza imbere igihugu cyacu, mu Rwanda hashyizweho abajyanama bubuzima ku nzego zose, bashinzwe gukangurira abaturage kugira isuku ku mibiri yabo: nko koga buri munsu, kwambara imyenda isukuye no kwitabira kwivuza igihe bafashwe nindwara.

Abaturage bahuguriwe kurwanya malariya, batema ibihuru ahazengurutse, baryama mu nzitiramibu iteye umuti no kugira ubwisungane mu kwivuza. Nta buzima, nta terambere ryagerwaho. Abaturage bamaze kumenya ibyiza byisuku no kurwanya Malariya, none barabyitabiriye. Ubu bashoboye kwibumbira mu mashyirahamwe abateza imbere byumwihariko nigihe muri rusange. Intego ni imwe: Twite ku buzima, tugira isuku, turwanya Malariya, twiteza imbere.



- **Ikinyuranyo cyisuku**

Umwanda

Ntukandarike ibintu aho ari ho hose! Burya uretse ibyo bisanzwe bigaragara nkumwanda; iyo ubuze itondeke aho uba, nabyo biba ari umwanda wakugayisha, ibyo kandi nta buzima bubivamo. Uwo ni umwanda mutindi.

Ngaho sa nutekereza nko gusanga:

- Isogisi mu gafuka ka kawunga cyangwa ku gatanda bumukirizaho amasahani.
- Tuvuge se usanze uburoso bwamenyo, ubw inkweto byivanze nibiyiko namafurusheti.
- Tuvuge se yewe ko watoye urukweto wica umubu maze ugahita ururambika ku buriri, nko ku mashuka yawe yumweru!
- Tekereza se nko kubona uvuye mu bukwe maze ikoti ryawe ugahita urirambika ku isekuru ukikomereza ibindi.
- Wagira ngo ukubutse gusenga Bibiriya yawe ukayishyira ku mufuka wamakara!

Umwanda nkuyu ushingira ku kuba mu mutwe wawe nta tondeke ribamo. Nta muntu kandi wishimira kubana numeze atyo. Tunarebye kandi ibiri mu gisobanuro cya mbere cyahawe umwanda usanga ari akaga kabi. Cyono ngaho tekereza umuntu udakaraba, ntamese imyambaro ye, ntanaruhe yoza amenyo ye! Uyu muntu aba ateye ishozi. Uretse no gutera ishozi kandi aba anasubiza u Rwanda inyuma kuko ibi bintu nkubuhari, inda, amavunja, rubyi, ibimeme nibindi ni ibintu igihugu cyacu cyarenze kandi bidakwiriye no kongera kubona umwanya mu gihugu cyacu. Kandi nkuko bigaragara kandi bizwi no muri rubanda: ibyo bikomoka ku mwanda wumubiri nibiwukoreshwaho.

Si ibyo gusa ariko kuko hari numwanda ukwiriye kugenerwa igihano. Niba ucyituma ku gasozi, uwo wo si umwanda ufite ingaruka kuri nyirawo gusa. Ashwi da! Ejo imvura niramuka iguye uwo mwanda uzagenda imihanda yose. Uzanduza amasoko yamazi; bityo mu buryo buziguye nyirawo abe abaye intandaro yindwara zishobora kugera ku bantu nka korera, macinyamyambi, amibe nizindi kandi burya ntibyanapfa kwemera ko bikugiraho ingaruka mbi wenyine kuko burya iyo urwaye uhindukira umutwari abakurwaza maze ingaruka zikaba uruhererekane kugeza ku gihugu muri rusange. Uyu mwanda rero hamwe nundi ufitanye isano nawo ariko wenda tukaba tutawuvuze, ukwiriye kwirindwa kutajenjekewe kandi buri muntu ni umukangurambaga wa mugenzi we muri uru rugamba kugeza uranduwe uruhenu.



Umukoro:

**Musome iyi myandiko bucece mugerageza kuyihuza
ninsanganyamatsiko yisuku nisukura.**



Umukoro ngiro:

**Mu gika cyimironko itarenze itanu, vuga muri make icyo imyandiko yombi
yibandaho.**

 **Mfashe ko:** Kugira ngo tugire ubuzima buira umuze tugomba kurangwa nisuku aho turi hose, haba ku mubiri, aho dutuye, aho turara, aho dukorera, mu byo turyaaa cyangwa tunywa ndetse nahandi hose turi tukarangwa nisuku kandi tukirinda icyo ari cyo cyose cyadukururira umwanda naho umwanda ugaragaye tukihutira kuhakosora.

**Umusaruro w'inyigisho 3.2. Gusoma no gusesengura neza umwandiko
yubahiriza utwatuzo nisesekaza.**



Igihe: Amasaha 3



Intego zumusaruro winyigisho 3.2:

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Gusoma no gusesengura neza umwandiko yitonze.
2. Gusesengura umwandiko yubahiriza utwatuzo nisesekaza.
3. Gukoresha utwatuzo dutandukanye mu nteruro zitandukanye.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
Umwandiko ku nsanganyamatsiko y' isuku nisukura; Inyunguramagambo, Amagambo mashya Utwatuzo twungirije ✓ Utwugarizo nutwuguruz o ✓ Akanyerezo ✓ Utubago tubiri ✓ Uturegeka ✓ Akabago n akitso ✓ Udukubo ✓ Udusodeko	Gutega amatwi neza umwandiko ku isuku nisukura. o Gusoma bucece. o Gusoma mu matsinda o Gusoma aranguruye agaragaza utwatuzo isesekaza.	Ibitabo bikubiyemo imyandiko yerekeye isuku nisukura; - Ibitabo byikibonezamvugo ; - Ikibaho ; - Furashi disiki - Murandasi ; - Inkoranyamagambo ; - Amafoto ku bikorwa byisuku nisukura.



UTWATUZO



Inshoza y'utwatu

Utwatuzo ni utumenyetso tutari inyuguti dukoreshwa mu nteruro kugira ngo usoma cyangwa uvuga abashe kwitsa cyangwa kuruhuka no kwerekana ubwoko bwinteruro. Utwatuzo turimo amoko abiri: **utwatu dusoza interuro** (akabago, akabazo nagatangaro) n'**utwatu dukoreshwa hagati mu nteruro** (akitso, akabago nakitso, uturegeka, utubago tubiri, udukubo, akanyerezo, utwuguruzo nutwugarizo, udusodeko, agakoni kabera...).

Imikoreshereze yutwatu

1. Akabago/akadomo (.)

Akabago cyangwa akadomo gasoza interuro ihamya ninteruro itegeka.

Ingero:

- Umunyeshuri mwiza yita ku masomo ye.
- Utazi ubwenge Ashima ubwe.

2. Akabazo (?)

Akabazo gasoza interuro ibaza.

Ingero:

- Muzajya mu rugendoshuri ryari?
- Wagize amanita angahe ku ijana?

3. Agatangaro (!)

Agatangaro gasoza interuro itangara, kagashyirwa ninyuma yamarangamutima.

Ingero:

- Mbega ukuntu hano hantu ari heza!
- Ntoye agasaro keza disi weee!

4. Akitso (,)

Akitsoga koreshwa mu nteruro kugira ngo bahumeke akanya gato.

Ingero:

- Umunyeshuri ushaka kumenya ubwenge, yirinda gusiba, ntakubagane mu ishuri kandi agakurikiza inama zumwarimu.
- Abagiye inama, Imana irabasanga.

5. Uturegeka (…)

Uturegeka dukoresheya iyo berekana irondora ritarangiye, interuro barogoye cyangwa iyo mu nteruro hari ijamba bacikije.

Ingero:

- Mu bikoresho bya Kinyarwanda habamo: ibibindi, ibyansi, ishoka, ibitebo, isekuru…
- Barakuzira ngo bagere ku Mukinanyana bahahurira na mwene…na ko simuvuze nzamuvumba!

6. Utubago tubiri (:)

Utubago tubiri dukoresheya mu nteruro iyo hari ibigiye kurondorwa, gusobanurwa cyangwa iyo bagiye gusubira mu magambo yundi. Dukoresheya kandi inyuma yingirwanshinga **-ti, -tya, -tyo** nijamba ngo.

Ingero:

- Mariya ati: “Ibyo uvuze bingirirweho.”
- Mu Kinyarwanda baravugaga ngo: “Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge.”

7. Akabago nakitso (;)

Akabago nakitso bikoreshwa mu nteruro kugira ngo batandukanye inyangingo ebyiri ziremwe kimwe kandi zuzuzanya.

Ingero:

- Gusoma neza si ugusukiranya amagambo; gusoma neza ni no ukumva ibyo usoma.
- Kuvuga neza si ugusukiranya amagambo gusa; kuvuga neza ni ukumvikanisha igitekerezo cyawe.

8. Utwuguruzo nutwugarizo(“”)

Utwuguruzo nutwugarizo dukikiza amagambo yundi asubirwamo, imvugo itandukanye nimvugo isanzwe, cyangwa ingingo igomba kwitabwaho. Dukikiza amagambo ateruwe ningirwanshinga **-ti, -tya, -tyo** nijambo **ngo**. Dukoreshe na none iyo hari inyito ikemangwa cyangwa kugira ngo bakikize amazina nteruro namazina yinyunge agizwe namagambo arenze ane. Dukoreshe kandi mu magambo yamatirano atamenyerewe mu Kinyarwanda.

Ingero:

- Igikeri kirarikocora kiti: “Mpuriye he nibiguruka?”
- Ubwo “Inshyikanyakumubiri ya rugemahica” aba arashinze.

9. Akuguruzo nakugarizo kamwe kamwe ()

Akuguruzo nakugarizo kamwe kamwe dukoreshe iyo utwuguruzo nutwugarizo twinjira mu tundi mu nteruro.

Urugero:

- Umugaba wingabo ati: “Ndashaka ko inshyikanyakumubiri ya rugemahica aza hano.”

10. Udukubo()

- a. Udukubo dukikiza amagambo cyangwa ibimenyetso bifite icyo bisobanura cyangwa icyo byuzuzwa mu nteruro.
- b. Banadukoresheya iyo bashakaga kwerekana uko amazina bwite yamanyamahanga yanditswe mu Kinyarwanda bayandikira mu ndimi akomokamo.
- c. Dukikiza umubare wanditse mu mibarwa mu nteruro iyo uwo mubare wabanje kwandikwa mu nyuguti.

Ingero

- Umuyobozi w'ama y'igihugu y'Urubiruko arugira inama arwumvisha ko kugira ngo rwizere kuzagira imbere heza (kuko abenshi muri rwo bishora mu ikoresheya ryibiyobyabwenge) rugomba kwirinda ibiyobyabwenge nizindi ngeso mbi.
- Ekwatari (Equateur)
- Uzaba uwa mbere mu irushanwa azegukana igihembo cyamafaranga yamanyarwanda miriyoni (1 000 000 Rwf).

11. Akanyerezo (-)

Akanyerezo gakoreshwa mu kiganiro kugira ngo berekane ihererekanywa cyangwa iyakuranwa ryamagambo.

Urugero:

- Sinakoze ikizamini.
- Wari uri he?

Gakoreshwa kandi bakata ijamba ritarangiranye nimpera yumurongo, bikurikije imiterere yumugemo.

Urugero:

- Matayo yagiye i Huye ahuriraye na Semakabuzi **bajya-na** gusura ingoro ndangamurage yu Rwanda.

Kanakoreshwa imbere ninyuma yinteruro ihagitse.

Urugero:

- Ejo nzajya kwiga- sinzi niba wamenye ko nasubiye mu ishuri-ntuzace hano sinzaba mpari.

12. Udusodeko ([])

Udusodeko dukikiza intekerezo cyangwa insobanuro bongeye mu mvugo isubira mu magambo yundi.

Urugero:

- Yaravuze ati: “Sinshobora kurara ntariye inkoko [ayo yari amirariro], keretse narwaye.”

Dukoreshwa berekana ibyo banenga mu magambo yundi.

Urugero:

- Yaranditse ati: “Ikinyarwanda ni ururimi ruvugwa nabatu [ikosa] benshi muri Afurika yo hagati.”

Tunakoreshwa mu magambo yundi mu kugaragaraza ko hari ayavanywemo cyangwa yasimbutse.

Urugero:

- Aravuga ati: “Nimureke abana bansange [...] ntimubabuze.”

13. Agakoni kaberamyé (/)

Agakoni kaberamyé gakoreshwa mu kwandika amatariki, inomero zamategako no mu guhitamo.

Ingero:

- Kigali, kuwa 15/10/2012.

– Itegeko N° 01/2010 ryo kuwa 29/01/2010.

-Koresha yego/ oya mu gusubiza ibibazo bikurikira.



Umukoro:

Subiza ibibazo bikurikira mu mvugo iboneye:

1. Utwatuze ni iki?
2. Utwatuze Tubamo amoko angahe? Ayo moko ni ayahe?



Umukoro ngiro:

Umunyeshuri arasabwa gusoma umwandiko ku kamaro nikinyuranyo byisuku, agaragaza utwatuze dutanu turimo ninteruro twakoreshejwemo.

 **Mfashe ko:** Utwatuze ni utumenyetso tutari inyugut idukoreshwa mu nteruro kugira ngo usoma cyangwa uvuga abashe kwitsa cyangwa kuruhuka no kwerekana ubwoko bwinteruro.

Utwatuze turimo amoko abiri: **utwatuze dusoza interuro** (akabago, akabazo nagatangaro) **nutwatuze dukoreshwa hagati mu nteruro** (akitso, akabagonakitso, uturegeka, utubago tubiri, udukubo, akanyerezo, utwuguruzo nutwugarizo, udusodeko, agakoni kaberamye...).



Isuzuma mbonezanyigisho 3.2

1. Tanga ingero eshanu zutwatuzo dutandukanye udukoresheje mu nteruro eshatu kuri buri katuzo.

Umusaruro winyigisho 3.3. Gusubiza neza ibibazo no kugaragaza isomo riri mu mwandiko mu mvugo iboneye.



Igihe: Amasaha 2



Intego zumusaruro winyigisho 3.3:

Nyuma yiyi nyigisho, uwigaagomba:

1. Gusoma no gusesengura neza umwandiko
2. Gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko.
3. Kugaragaza no gusangiza abandi isomo riri mu mwandiko.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
Umwandiko ku nsanganyamatsiko y' isuku nisukura; ✓ Inshoza y isuku nisukura ✓ Insanganyamatsiko yumwandiko;	o Kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko. o Gukoresha Ikinyarwanda k'intyoza agaragaza	Ibitabo bikubiyemo imyandiko yerekeye isuku nisukura; - Ibitabo byikibonezamvugo ; - Ikibaho ; - Furashi disiki

Ingingo zumuco namateka; ✓ Indangagaciro zo kubaha ubuzima;	indangagaciro yo kubaha ubuzima (kwiwitaho). o Gusoma mu matsinda bashaka: o -Ibisobanuro byamagambo akomeye; o -Ibisubizo byibibazo byo kumva umwandiko; o Gusoma aranguruye agaragaza isesekaza. o Gukusanyiriza mu matsinda, ibitekerezo ku isuku nisukura.	- Murandasi ; - Inkoranyamagambo ; - Amafoto ku bikorwa byisuku nisukura.
---	--	--



Subiza ibibazo bikurikira ugendeye ku mwandiko watanze haruguru:

- Ni akahe kamaro kisuku mu buzima bwumuntu?
- Erekana icyo Leta yu Rwanda yakoze mu rwego rwo kwimakaza isuku.
- Garagaza ingaruka mbi zo guturana nibihuru.

- d. Umwanda ni iki uwugereranije nisuku.
- e. Garagaza akamaro kisuku mu iterambere ryigihugu.
- f. Vuga nibura indwara eshanu zikomoka ku mwanda.



Isuzuma mbonezanyigisho 3.3

Mu ncamake itarengeje imirongo umunani, buri wese nasobanure insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko anagaragaze isomo akuye mu mwandiko.

Imb. 4: Gukoresha ikinyarwanda cyintyoza, uwiga agaragaza uburyo bwo gutunganya ubutaka nihimbamwandiko.



Ibipimo byubushobozi:

4.1. Gukoresha neza ikinyarwanda cyintyoza agaragaza ko yumva umwandiko ku mitunganyirize yubutaka.

4.2. Gusoma no gusesengura neza umwandiko yubahiriza utwatumaze nisesekaza.

4.3. Gusubiza ibibazo neza ku mwandiko mu mvugo iboneye.

4.4. Guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo.

Umusaruro winyigisho 4.1. Gukoresha neza ikinyarwanda cyintyoza agaragaza ko yumva umwandiko ku mitunganyirize yubutaka.



Igihe: Isaha 1



Intego zumusaruro winyigisho 4.1:

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Gusoma neza umwandiko ku mitunganyirize yubutaka.
2. Gusesengura umwandiko yita ku ngingo ziwugize.
3. Kugaragaza isomo akuye mu mwandiko.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
Umwandiko ku nsanganyamatsiko yerekeye imitunganyirize yubutaka; Inshoza yimitunganyirize yubutaka Ingero zifatika zihamya imitunganyirize:	o Gusaba abanyeshuri: gutega amatwi neza umwandiko ku mitunganyirize yubutaka. o Kuvumbura neza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko. o Gukoresha neza Ikinyarwanda k'intyoza	-Igitabo gikubiyemo imyandiko ku nsanganyamatsiko yo gutunganya ubutaka; - Ibitabo byikibonezamvugo - Ikibaho ; - Furashi disiki - Murandasi ;

✓ Kurwanya isuri hacibwa amaterasi yindinganire ✓ Gukoresha ifumbire yimborera	agaragaza indangagaciro yo gukorera mu mucyo. o Gusoma bitonze mu matsinda bashaka: o -Ibisobanuro byamagambo akomeye; o -Ibisubizo byibibazo byo kumva umwandiko;	- Inkoranyamagambo ;
---	--	-----------------------------



Umwandiko: Gutunganya ubutaka

Mu myaka yashize hari uduce tumwe na tumwe twagiye turangwa nakanda ndetse ninzara ariko ubu siko bikimeze. Aho ninko mu karere ka Bugesera mu myaka ya za 1998-2001.

Nubwo hari aho bikirangwa nko mu karere ka Kayonza na Kirehe ariko ntibikomeye cyane ahanini bitewe nimbaraga igihugu cyashyize mu gukemura iki kibazo.

Ahanini iki kibazo cyaterwaga nabaturage babaga baratemye amashyamba ubundi dusanzwe tuziho uruhare runini mu gukurura imvura; kutamenya guhinga ku materasi yindinganire ahari imisozi ihanamye, kudacukura imirwanyasuri byatumaga imvura igwa ari nyinshi igatwara ubutaka bwiza igasiga akara...

Mu rwego rwo gukemura iki kibazo rero abaturage bashishikarijwe gutera amashyamba ahari imisozi ihanamye cyane, gutera ibiti bishobora kubangikana nimyaka; bigishwa ndetse no guhinga ku materasi yindinganire. Ubu kandi abaturage barahugurirwa gukoresha inyongeramusaruro hagamijwe kongerera ubutaka ubushobozi bwumusaruro. Muri iyi gahunda kandi ibishanga ntibyirengagijwe, ndetse mu rwego rwimibereho myiza higishijwe gukora uturima twigikoni twaje ndetse dusimbura indi gahunda yo gutubura ubutaka higishwa guhinga mu mifuka.

Ubu rero amashyamba yamaze kumera, imvura iragwa, imyaka irera none abaturage babona ibibatunga ku buryo basagurira namasoko. Twese rero duhaguruke niyonka tujjukire gukora, dufata neza ubutaka kandi tudahuga kumvira inama duhabwa bityo tuzagera kuri byinshi.

 **Mfashe ko:** gufata neza ubutaka byaturinda guhura nakanda ndetse ninzara. Kugira ngo tubone umusaruro mwiza dukwiriye gutera amashyamba, guhinga ku materasi yindinganire ahari imisozi ihanamye cyane, gucukura imirwanyasuri, nibindi.

Umusaruro winyigisho 4.2. Gusoma no gusesengura neza umwandiko yubahiriza utwatuzo nisesekaza.



Igihe: Isaha 1



Intego zumusaruro winyigisho 4.2:

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Gusoma no gusesengura neza bucece umwandiko watanzwe.
2. Gutega amatwi neza umwandiko ku gufata neza ubutaka.
3. Kugaragaza isomo riri mu mwandiko kugutunganya ubutaka.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
Umwandiko ku nsanganyamatsiko yerekeye imitunganyirize yubutaka; Isesenguramwandiko ✓ Inshoberamahanga zakoreshejwe ✓ Imigani migufi yakoreshejwe kumurika ibyasesenguwe mu matsinda mu buryo bwisoma	o Gusaba abanyeshuri: gutega amatwi neza umwandiko ku mitunganyirize yubutaka. o Kuvumbura neza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko. o Gukoresha neza ikinyarwanda k'intyoza agaragaza indangagaciro yo gukorera mu mucyo. o Gusoma bitonze mu matsinda bashaka: o -Ibisobanuro byamagambo akomeye; o -Ibisubizo byibibazo byo kumva umwandiko;	-Igitabo gikubiyemo imyandiko ku nsanganyamatsiko yo gutunganya ubutaka; - Ibitabo byikibonezamvugo - Ikibaho ; - Furashi disiki - Murandasi ; - Inkoranyamagambo ;

--	--	--



Mu matsinda yabanyeshuri babiri, musome bucece umwandiko ku gutunganya ubutaka hanyuma musome muranguruye mubwire bagenzi banyu ibyo mumaze gusoma.



Isuzuma mbonezanyigisho 4.2

Abanyeshuri barasabwa kugaragaza ubundi buryo butavuzwe mu mwandiko bwo gufata neza ubutaka. Kubigaragaza mu ngingo eshatu.

Umusaruro winyigisho 4.3: Gusubiza ibibazo ku mwandiko mu mvugo iboneye.



Igihe: Amasaha 2



Intego zumusaruro winyigisho 4.3:

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Gusesengura neza umwandiko ku gutunganya ubutaka.
2. Gukora ubushakashatsi ku bindi bivugwa kuri iyi ngingo.
3. Gutanga neza ibisubizo byibibazo byo kumva umwandiko.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
Umwandiko ku nsanganyamatsiko yerekeye imitunganyirize yubutaka; Kubaza ibibazo kumwandiko ku nsanganyamatsiko yerekeye imitunganyirize yubutaka Gusubiza ibibazo byumwandiko ku nsanganyamatsiko	o Gusaba abanyeshuri: gutega amatwi neza umwandiko ku mitunganyirize yubutaka. o Kutarogoya ufite ijambo nta mpamvu. o Gusoma neza mu matsinda bashaka: o Gutanga neza ibisubizo byibibazo byo kumva umwandiko; o Kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko. o Gukora ubushakashatsi ku bindi bivugwa kuri iyi ngingo;	-Igitabo gikubiyemo imyandiko ku nsanganyamatsiko yo gutunganya ubutaka; - Ibitabo byikibonezamvugo ; - Ikibaho ; - Furashi disiki - Murandasi ; - Inkoranyamagambo ;

--	--	--



Mu mvugo ikwiye, musubirize mu matsinda ibibazo bikurikira mugendeye ku mwandiko:

1. Ni iki cyateye akanda ninzara batubwiye mu mwandiko?
2. Ni utuhe turere twavuzwe ko twibasiwe niki kibazo?
3. Ni izihe ngamba Leta yafashe kugira ngo ihangane nicyo kibazo?
4. Ni ngaruka ki iterwa no kudacukura imirwanyasuri?
5. Ni izihe ngaruka zabaye nyuma yo kumvira inama ku gutunganya ubutaka?
6. Vuga mu mirongo itarenze icumi ingingo zingenzi zuyu mwandiko.
7. Garagaza ubundi buryo butavuzwe mu mwandiko bwakifashishwa mu kubungabunga ubutaka.



Isuzuma mbonezanyigisho 4.3.

Mu mirongo itarenze itanu, garagaza ubundi buryo butavuzwe mu mwandiko bwakifashishwa mu kubungabunga ubutaka.

Umusaruro winyigisho 4.4: Guhimba umwandiko akurikiranya neza ingingo.



Igihe: Amasaha 2



Intego zumusaruro winyigisho 4.4:

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Guhimba neza umwandiko akurikiranya ingingo.
2. Kugaragaza ingingo zingenzi ziri mu mwandiko.
3. Gukora incamake yumwandiko yita ku ngingo zingenzi.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
Inshoza yihimbamwandiko: ✓ Umutwe ✓ Igihimba ✓ Umwanzuro (umusozi) Kumurika umwandiko wahimbwe	Gusaba abanyeshuri: Gusoma no gusesengura umwandiko; o Kuja impaka ku ngaruka zo kudacunga neza ubutaka. o Gukora inshamake yumwandiko. o Guhimba umwandiko ku mitunganyirize ikwiye y'ubutaka.	-Igitabo gikubiyemo imyandiko ku nsanganyamatsiko yo gutunganya ubutaka; - Ibitabo byikibonezamvugo - Ikibaho ; - Furashi disiki - Murandasi ; - Inkoranyamagambo ;

	o Kumurika neza umwe umwe umwandiko wahimbwe	
--	--	--



IHANGAMWANDIKO NIHINAMWANDIKO



1. IHANGAMWANDIKO

- ❖ Inshoza: Ihangamwandiko ni uburyo umuntu yifashisha yandika ibitekerezo, ibyifuzo cyangwa inkuru ashaka kugeza ku bandi.

Ibice bigize umwandiko

Umwandiko usanzwe ugizwe nibice bitatu ari byo: intangiriro, igihimba, numusozo.

✓ Intangiriro/ umutwe

Intangiriro nicyo gice kibimburira umwandiko. Umwanditsi atangira amenyesha ibyo agiye kuvuga ariko atabiva imuzi kuko aba ari bubivuge mu gihimba. Avuga gusa mu magambo make ashoboka cyangwa akavuga ingingo ari buvugeho mu gihimba.

✓ Igihimba

Mu gihimba, umwanditsi avuga mu magambo arambuye ingingo zose yakomojeho mu ntangiriro. Ahera ingingo ku ngingo, yirinda kuvanga ingingo zidafite aho zihuriye. Buri ngingo igomba kugira umwanya wayo. Hari abakurikiranya ingingo bava ku ziremereye kurusha izindi, bajya ku zoroheje, hakaba nabazikurikiranya bava ku zoroheje bajya ku zirusha izindi uburemere. Igihimba kigirwa numubare wibika runaka bitewe numubare wingingo zivugwaho.

✓ Umusozo

Umusozo ni cyo gice kirangiza umwandiko. Muri iki gice umwanditsi ashobora kongera kuvuga ku ngingo yari yavuze mu magambo make (ariko adasubiye mu magambo yakoresheje mu ntangiriro), ashobora gutanga umwanzuro cyangwa ibyifuzo bye ku ngingo amaze kuvugaho.

Intangiriro numusozo biba ari bigufi cyane ugereranyije nigihimba.

Ingingo zingenzi zigize umwandiko ni ibitekerezo bitandukanye, bifitanye cyangwa bidafitanye isano bikubiye mu mwandiko.



Umukoro:

Ukoresheje amagambo yawe, sobanura icyo ihangamwandiko ari cyo.



Umukoro ngiro:

Mu buryo bukwiye, umunyeshuri arasabwa guhanga umwandiko ku nsanganyamatsiko ishingiye ku mwuga yiga.



Mfashe ko: Ihangamwandiko ni uburyo umuntu yifashisha yandika ibitekerezo, ibyifuzo cyangwa inkuru ashaka kugeza ku bandi. Umwandiko ugira ibice bitatu ari byo: intangiriro, igihimba numusozo.



2. IHINAMWANDIKO

Inshoza:

Ihinamwandiko ni uburyo bwo gusubiramo inyandiko yundi utabigize ijamba ku ijamba ariko kandi utagize ingingo ibumbatiye ubutumwa-ngirakamaro uzimiza.

Imiterere: Mbere na mbere uhina agomba kumenya ubwoko bwumwandiko agomba guhina.

Bibe se ari: *umuvugo – icyivugo – igisigo – indirimbo – ibaruwa – indondore* nibindi. Buri bwoko bugira uburyo bwimbandikire butandukanye nubundi. Indondore zigira **ibika**, indirimbo zikagira **ibitero ninyikirizo** mu gihe ibisigo cyangwa se imivugo bigira **amabango – imikarago** ndetse **nimpakanizi**. Birumvikana rero ko bitahinwa kimwe.

Ibigenderwaho mu ihinwa ryumwandiko

1. Kumva umwandiko no kugaragaza ingingo zingenzi.

Ntabwo ubutumwa bwose umwanditsi yanditse buba bufite agaciro karinganiye. Ashwi da! Ahubwo hari iziba zihatse izindi. Hakaba rero niziza zigaragiye izindi.

Uhina umwandiko arabanza agasoma abyitondeye inshuro zirenze imwe maze bikamuhesha kubasha kujonjora ingingo. Agomba gukurikiranya izo ngingo rero akurikije agaciro kazo.

Henga dufatire urugero ku **buzima: Umuntu aravuka – akonka– akamera amenyo – akamera amabere/ubwanwa – akamera imvi – agapfa**. Ubwo rero uhina yandika gusa za ngingo zingenzi akirengagiza za zindi zigaragira.

2. Imiterere yumwandiko uhinwa – kwandika ku murongo.

Iyo uhina umwandiko uwo ari wo wose uwandika mu buryo bw**indondore** kandi hakubahirizwa amategeko yimyandikire.

3. Imigaragarire: Isuku ni ingenzi cyane mu ihinamwandiko.

Uwandika ku buryo busomekera umusomyi neza.

4. Imyandikire yururimi: Uhina umwandiko yubahiriza amategeko yimyandikire yururimi, kandi agakoresha utwatuzo neza.



Umukoro:

Mu matsinda yabantu babiri, abanyeshuri barasabwa kugaragaza icyo ihinamwandiko ari cyo hanyuma bagasobanura nibigenderwaho mu guhina umwandiko mu magambo yabo.



Umukoro ngiro:

Buri munyeshuri arasabwa guhina umwandiko ku gutanganya ubutaka mu gika kitarengeje imirongo itanu.



Mfashe ko: Ihinamwandiko ni uburyo bwo gusubiramo inyandiko yundi utabigize ijambo ku ijambo ariko kand iutagize ingingo ibumbatiye ubutumwa-ngirakamaro uzimiza. Mu gukora ihinamwandiko hagenderwa ku kumva no kumenya ingingo zingenzi, kumenya imiterere yumwandiko uhinwa, kwita ku migaragarire nimyandikire yururimi.

Imbumbe 5: Gukoresha neza uburyo bunyuranye bwubwumvane mu gutegura no gukina ikinamico.



Ibipimo byubushobozi:

5.1. Gukoresha neza Ikinyarwanda cy'intyoza, agaragaza ko yumva ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane.

5.2. Gusoma neza ikinamico yubahiriza uturango twayo.

5.3. Gusubiza ibibazo ku ikinamico mu mvugo iboneye.

5.4. Guhimba no gukina ikinamico ahuza imvugo ningiro.

Umusaruro winyigisho 5.1. Gukoresha neza Ikinyarwanda cy'intyoza, agaragaza ko yumva ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane.



Igihe: Isaha 1



Integozumusaruro winyigisho 5.1:

Nyumayiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Kumva no gusobanukirwa neza icyo ikinamico ari cyo.
2. Kumenya amoko yikinamico
3. Guhimba no gukina udukino dutandukanye ku nsanganyamatsiko iyo ari yo yose.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
Inshoza yikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane; Ururimi nubwumvane matsinda ✓ Amafatizo yubwumvane ✓ Nyakuvuga ✓ Nyakubwirwa Amoko yikinamico ✓ Ikinamico ya kera ✓ Ikinamico nshyashya Guhimba udukino ku nsanganyamatsiko ishingiyeye ku bwumvane mu kinamico	o Gutega amatwi neza ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane. o Kutarogoya ufite ijambo nta mpamvu. o Gusubiza ibibazo byo kumva ikinamico ninyunguramagambo. o Kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu ikinamico. o Gusoma bakuramwa, baranguruye bigana, abakinankuru. o Gukorera mu matsinda, bungurana ibitekerezo ku	-- Ibitabo bikubiyemo imyandiko yerekeyeubwumvane ; - Ibitabo byikibonezamvugo ; - Ikibaho ; - Furashi disiki - Murandasi ; - Inkoranyamagambo ;

	nsanganyamatsiko ivugwa mu ikinamico. o Guhimba no gukina udukino ku nsanganyamatsiko ishingiyeye ku bwumvane. o Kuja impaka ku kamaro k' imvugo ziboneye.	
--	---	--



- ✓ Ikinamico nuturango twayo
- ✓ Imyubakire cyangwa ibice byikinamico



❖ Ikinamico

1. Inshoza yikinamico

Ikinamico ni igihangano cyifashisha uburyo bwo gukina imico yabantu itandukanye. Mu ikinamico herekanwa umuco, ibikorwa, imyifatire, imigenzo... byabantu. Uwo mukino ushobora kubera mu ruhamo imbere yabantu cyangwa ukanyuzwa mu bikoreho byikoranabuhanga byinyakiramajwi nka radiyo nibiyumvabona nka tereviziyo, mudasobwa nibindi. Ikinamico iba igamije kwigisha, gukosora ingeso nimirifatire mibi, gushishikariza abantu kugenza neza nibindi.

2. Uturango twikinamico

Ikinamico ihimbye neza igomba kuba igaragaramo uturango dukurikira:

- a. **Umutwe wikinamico:** umutwe wikinamico ugomba kuba uteye amatsiko kubayumva cyangwa abayireba. Ayo matsiko akaza gushira uko abanyarubuga bagenda bigaragaza.
- b. **Umwinjizo:** ni amagambo atangira umukino aba asa nakebura abagiye gukurikirana ndetse abakururira gukurikira neza umukino.
- c. **Abanyarubuga:** ni abakinnyi bakina umukino bagaragaza imyifatire itandukanye, bagenda bumvikana ndetse bakagaragara mu mukino.
- d. **Ibice byumukino:** buri mukino wose uba ugabanyijemo ibice bitandukanye, bitewe nuko umuhanzi yabigennye.
- e. **Agakino:** igice cyumukino gishobora kugira imiseruko itandukanye bitewe nigiterekerezo gikubiye mu gice cyumukino.
- f. **Urukiniro:** ni aho agakino cyangwa igice cyumukino kiba kiri bukinirwe. Urukiniro baruha umuteguro bakarutaka cyangwa bakaruha imirimbishirize bitewe nibyifuzo byumuhanzi cyangwa umutoza.
- g. **Umuseruko:** urangwa no kwinjira cyangwa gusohoka kumunyarubuga ku rukiniro.
- h. **Inyobozi:** ni ibisobanuro bigaragara mu ikinamico biyobora abanyarubuga uko bari bwitware mu mukino. Bikunze gushyirwa mu dukubo.
- i. **Imvugonkana:** ni amagambo umunyarubuga ashobora kuvuga mu gihe ari kugirana ikiganiro na mugenzi we, ariko mugenzi we akigiza nkana ko atayumvise.
- j. **Imvugano:** Ni ikiganiro kiba hagati yabanyarubuga igihe bahererekanya amagambo.
- k. **Inyishyu:** ni amagambo umunyarubuga runaka asubiza mugenzi we mu ikinamico.
- l. **Umwivugisho:** ni amagambo avugwa numunyarubuga igihe ari wenyine yivugisha.
- m. **Ururondogoro:** ni imvugo itinze yumunyarubuga runaka

- n. **Iherezo:** ikinamico igira iherezo. Iherezo ryikinamico rishobora kumara amatsiko abayikurikiye, cyangwa rigasiga abayikurikiye mu gihirahiro bibaza uko byagenze cyangwa uko bizagenda.



Umukoro:

Mu magambo yawe, sobanura icyo ikinamico ari cyo unagaragaze uturango twayo.



Umukoro ngiro:

Mu matsinda yabantu batanu, abanyeshuri barasabwa guhimba agakino katarengeje iminota itatu hanyuma bakagakinira imbere ya bagenzi babo.



Mfashe ko: Ikinamico ni igihangano cyifashisha uburyo bwo gukina imico yabantu itandukanye. Mu ikinamico herekanwa umuco, ibikorwa, imyifatire, imigenzo... byabantu. Uwomukino ushobora kubera mu ruhame imbere yabantu cyangwa ukanyuzwa mu bikoresho byikorabuhanga byinyakiramajwi nka radiyo nibyiyumvabona nka tereviziyo, mudasobwa nibindi. Ikinamico iba igamije kwigisha, gukosora ingeso nimyifatire mibi, gushishikariza abantu kugenza neza nibindi.



3. Imyubakire cyangwa ibice byikinamico

Ikinamico nkinkuru ikinye igira imyubakire cyangwa ibice bikurikira:

- Intango:** muri iki gice hagaragaramo uko ubuzima buba busanzwe muri rusange, abantu babanye neza nta kibazo bafitanye.
- Kidobya:** nko mu nkuru, kidobya ni akantu kaza kakaba imbarutso kagahindura ibintu uko byari bimeze. Icyo gihe uko ibintu byari bisanzwe birahinduka, niba ari nkikibazo kivutse kigashakirwa igisubizo.

- c. **Inkubiri yibikorwa:** muri iki gice niho dusobanukirwa inkuru koko. Abanyarubuga bakagaragaza ya myifatire cyangwa imico itandukanye baba bakina.
- d. **Umwanzuro:** muri iki gice niho tubona uko inkuru irangiye. Mu mwanzuro ikinamico ishobora kurangira imaze amatsiko cyangwa igasiga mu rujijo abayiteze amatwi cyangwa abayireba.
- e. **Amaherezo:** muri iki gice hagaragaramo uko byagenze nyuma yikemuka ryikibazo runaka cyangwa se nyuma yuko ikibazo gikomeza kuba insobe. Aha ninaho hagaragara abagiriye inyungu muri kwa gukemuka cyangwa kudakemuka kwikibazo.



Umukoro:

Mu magambo ye, umunyeshuri arasabwa gusobanura ibice bigize ikinamico mu mvugo ikwiye.



Umukoro ngiro:

Umunyeshuri arasabwa guhimba kandi akandika agakino gato yarangiza akagakinira bagenzi be.



Mfashe ko: Ikinamico igizwe nibice bitandukanye ari byo: intango, kidobya, inkubiri yibikorwa, umwanzuro namaherezo.

Umusaruro winyigisho 5.2: Gusoma neza ikinamico yubahiriza uturango twayo



Igihe: Amasaha 2



Intego zumusaruro winyigisho 5.2:

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Gusoma neza ikinamico yubahiriza uturango twayo.
2. Kumenya gutandukanya ikinamico nandi moko yimyandiko.
3. Gusoma aranguruye yigana abakinankuru.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
Uturango twikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane ✓ Umunyarubuga ✓ Udukinokino (scene) ✓ Abakinnyi bikinamico ✓ Abakinirwa Inyunguramagambo ✓ Amagambo mashya ✓ Imigani migufi ✓ Inshoberanamahanga Gusoma ikinamico hubahirizwa: ✓ utwatuzo ✓ isesekaza	Gutega amatwi ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane. o Kutarogoya ufite ijambo nta mpamvu. o Gusoma bucece ikinamico. o Gusoma bakuramwa, baranguruye bigana, abakinankuru	-- Ibitabo bikubiyemo imyandiko yerekeyeubwumvane ; - Ibitabo byikibonezamvugo ; - Ikibaho ; - Furashi disiki - Murandasi ; - Inkoranyamagambo ; - - Amabwiriza ya Minisitiri NO 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire yikinyarwanda nkuko yasohotse mu Igazeti ya Leta NO 41 bis yo ku wa 13/10/2014.



IKINAMICO ISETSA



Uwandika ikinamico isetsa agomba:

- Gutoranya abanyarubuga basekeje
- Kubagera umwanya wabo mu gihe cyo gusetsa
- Gutegura imiteguro, imyambaro, ijyanye ninyobozi
- Kubagera uturango dusekeje
- Gusura ahantu hazwi ko bakunda gutera urwenya cyane

Urugero: mu kabari, aho urungano ruteraniye:

- mu bukwe
- mu banyeshuri
- mu bashumba
- mu basirikare,...



Umukoro:

Mu matsinda agizwe nabantu babiri, abanyeshuri nibagaragaze uburyo bunyuranye umukinnyi ashobora gukinamo ikinamico.



URUGERO:

IKINAMICO: UBWENGE BUZA UBUJJI BUHISE

Reba mu gitabo cyikinyarwanda, umwaka wa gatanu wamashuri yisumbuye mu gitabo cyumunyeshuri wo mu ishami ryiga ikinyarwanda rusange@REB

Cyasohotse muri Mutarama 2019



Musome iyi kinamico mwitonze hanyuma mugaragaze isomo mukuyemo.

Umusaruro winyigisho 5.3: Gusubiza ibibazo ku ikinamico mu mvugo iboneye.



Igihe: Isaha 1



Intego zumusaruro winyigisho 5.3

Nyuma yiyi nyigisho, uwiga agomba:

1. Gusoma ikinamico ku bwumvane ayihuza ninsangamatsiko.
2. Gusubiza neza ibibazo byo kumva ikinamico mu mvugo iboneye.
3. Kuvumbura isomo riri mu ikinamico.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
Ibibazo ku kinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane ✓ Kugaragaza ko umunyarubuga ari umukinnyi mwiza ✓ Ibisobanuro byumunyarubuga Kumurika udukino ku nsanganyamatsiko ishingiyeye ku bwumvane.	Gutega amatwi neza ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane. o Kutarogoya ufite ijamba nta mpamvu. o Gusubiza ibibazo byo kumva ikinamico ninyunguramagambo. o Kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu ikinamico. o Gusoma bucece ikinamico. o Gusoma bakuramwa, baranguruye bigana, abakinankuru.	-- Ibitabo bikubiyemo imyandiko yerekeyeubwumvane ; - Ibitabo byikibonezamvugo ; - Ikibaho ; - Furashi disiki - Murandasi ; - Inkoranyamagambo ; - - Amabwiriza ya Minisitiri NO 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire ylkinyarwanda nkuko yasohotse mu Igazeti ya Leta NO 41 bis yo ku wa 13/10/2014.

--	--	--



Kumva ikinamico



Abanyeshuri barasabwa gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura ikinamico

IKINAMICO: UBWENGE BUZA UBUJJI BUHISE

Reba mu gitabo cyikinyarwanda, umwaka wa gatanu wamashuri yisumbuye mu gitabo cyumunyeshuri wo mu ishami ryiga ikinyarwanda rusange@REB ; ibibazo byo kumva umwandiko(ikinamico); Cyasohotse muri Mutarama 2019

Umusaruro w'inyigisho 5.4 Guhimba no gukina ikinamico ahuza imvugo ningiro



Igihe: Isaha 1



Intego zumusaruro winyigisho 5.4

1. Guhimba ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane.
2. Gukina ikinamico yubahiriza uturango twayo.
3. Guhuza umukino nibivugwa mu ikinamico.



Ibyifashishwa

Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho
Guhimba ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane; Ubwoko bwikinamico Ikinamico nshyashya ✓ Ikinamico ya kera Udukino ku nsanganyamatsiko ishingiyeye ku bwumvane;	Gutega amatwi ikinamico ku nsanganyamatsiko yerekeye ubwumvane. o Kutarogoya ufite ijamba nta mpamvu. o Gusubiza ibibazo byo kumva ikinamico ninyunguramagambo. o Kuvumbura insanganyamatsiko ivugwa mu ikinamico. o Gusoma bucece ikinamico. o Gusoma bakuramwa, baranguruye bigana, abakinankuru. o Gukorera mu matsinda, bungurana ibitekerezo ku	-- Ibitabo bikubiyemo imyandiko yerekeyeubwumvane ; - Ibitabo byikibonezamvugo ; - Ikibaho ; - Furashi disiki - Murandasi ; - Inkoranyamagambo ; - - Amabwiriza ya Minisitiri NO 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire yikinyarwanda nkuko yasohotse mu Igazeti ya Leta NO 41 bis yo ku wa 13/10/2014.

	nsanganyamatsiko ivugwa mu ikinamico. o Guhimba no gukina udukino ku nsanganyamatsiko ishingiyeye ku bwumvane.	
--	--	--



Guhimba ikinamico ku nsanganyamatsiko zitandukanye.



Isuzuma mbonezanyigisho 5.4

- ❖ **Himba ikinamico ku nsanganyamatsiko yo gutabarana, uyihuze numuco namateka byigihugu cyacu hanyuma uyisangize bagenzi bawe uyikina.**

IBITABO NINYANDIKO BYIFASHISHIJE

Bakame Editions (2010). *Ikinyarwanda /Ikibonezamvugo cyamashuri abanza nayisumbuye*, Kigali.

Igitabo cyikinyarwanda, icyiciro cya gatanu cyamashuri yimyuga nubumenyingiro, *igitabo cyumunyeshuri*(2020)Rwanda Education Board (REB);

Igitabo cyikinyarwanda, umwaka wa kabiri wamashuri yisumbuye, *igitabo cyumunyeshuri*.

Igitabo cyikinyarwanda, umwaka wa gatanu wamashuri yisumbuye mu gitabo cyumunyeshuri wo mu ishami ryiga ikinyarwanda rusange@REB(2019).

MINISTRY OF EDUCATION (MINEDUC)-RWANDA EDUCATION BOARD (2015). *Teacher Training Manual I*,Kigali.

MINISTRY OF EDUCATION (MINEDUC)RWANDA EDUCATION BOARD (2015). *Teacher Training Manual II*, Kigali.

RWANDA EDUCATION BOARD (REB) (2015). *Integanyanyigisho yIkinyarwanda mu mashami Ikinyarwanda cyigishwamo nkisomo bihitiyemo*, Kigali.

RWANDA EDUCATION BOARD (REB)(2019). *Amashami yiga Ikinyarwanda nkisomo rusange*, Kigali.

Rwanda Education Board (2010). *Igitabo cyikibonezamvugo/ Edition Bakame*, Kigali

Rwanda Polytechnic/Curriculum REQF Level 5(2020), *Ikinyarwanda kintyoza*, Kigali.